# Ibihugu bya Afurika byacitsemo ibice ku ngingo yo kwivana muri ICC

25-07-2016 - Saa 12:54 na Cyprien Niyomwungeri



Kuwa 17 Nyakanga 1998, nibwo ibihugu 123 birimo 34 byo ku mugabane wa Afurika byasinye amasezerano ya Roma ashyiraho Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha (ICC), ruhabwa icyicaro i La Haye mu Buholandi; nyuma imikorere yarwo iza kuvugirizwa induru bimwe bishaka kurwigobotora ariko bisa n'aho uyu mugambi uzagorana.

Imibanire y'ibihugu byinshi bya Afurika n'uru rukiko yaranzwe n'umwuka mubi, ahanini bitewe n'uko amaperereza yose uru rukiko rwatangiye gukora muri 2002, yabaga ari ku Banyafurika gusa, bituma hatangira inkubiri yo gushaka gucana umubano narwo.

Ibintu byahinduye isura mu 2009, ubwo Umushinjacyaha Mukuru warwo Luis Moreno-Ocampo yasohoraga inyandiko zo guta muri yombi Perezida wa Sudani Omar al-Bashir, byongera guhumira ku mirari ubwo rwahamagazaga Perezida Kenyatta na Visi Perezida we William Ruto ba Kenya.

Bashir ashinjwa ibyaha by'intambara byakorewe i Darfur, naho abayobozi bakuru ba Kenya bagashinjwa kugira uruhare mu mvururu zakurikiye amatora ya Perezida mu mwaka wa 2007, aho abantu bagera ku 1000 bishwe abandi benshi bagahunga.

Umuyobozi w'Inama y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe ishinzwe ubukungu, imibereho myiza n'umuco, Dr Joseph Chilengi, aherutse kubwira abanyamakuru ko ICC idakora na gato mu nyungu z'ubutabera, ahubwo ibangamiye bikomeye imikorere y'ubutabera mpuzamahanga.

Yagize ati "ICC ivuga ko ari urukiko rwigenga, ariko siko tubibona. ICC iha urwego rukomeye muri Loni, akanama ka Loni gashinzwe umutekano, umwanya ukomeye mu bikorwa byayo. Byongeye, Umuryango w'ibihugu by'u Burayi, EU binyuze mu bihugu biwugize, utanga hejuru ya 70% by'ingengo y'imari ikoresha."

Akomeza avuga ko ibyo binyuranye n'amasezerano ya Roma avuga ko nta gihugu kiri muri Loni kigomba gutanga hejuru ya 22% by'ingengo y'imari, "kandi tuzi ko umuntu utanga amafaranga ari na we ugena uko akoreshwa".

Iyi mikorere mibi ya ICC ku Banyafurika, niyo yatumye ibihugu nka Uganda, Sudani na Kenya bitangiza icengezamatwara ku bindi bihugu bigize Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika (AU), kugira ngo byose bishyigikire inyandiko yemeza ko ibihugu bya Afurika bivanye akarenge muri uru rukiko.

## Ibihugu bitandatu ntibibikozwa

Iki gikorwa kitwaga guca agasuzuguro ka ICC, cyari giteganyijwe kubera mu nama y'uyu muryango yabereye i Kigali, ariko birangira iyi ngingo itagarutsweho nkuko byari byitezwe.

Mu kiganiro Visi Perezida wa Botswana, Mokgweetsi Masisi, yagiranye na Bloomberg, yahishuye ko nubwo nta biganiro byihariye byo kuva muri ICC byabayeho mu nama ya AU, ibihugu nka Botswana, Côte d'Ivoire, Nigeria, Senegal, Tunisia na Algeria, byari byatangaje mbere ko bidashyigikiye guca ukubiri narwo, nubwo bitarurimo.

Yagize ati "Uburyo bwiza bwo kwirinda ntabwo ari ukugira uwo ushyira mu majwi, ahubwo ni ugushyigikira ko itegeko ryubahirizwa, ntituzigera twemera ko Perezida wacu akora ubwicanyi ngo agende atabibazwa. Ntiturimo kuba abanyagitugu, turasaba ko hashyirwamo imbaraga mu mikorere."

Ibi bitekerezo byunganira iby'abemeza ko ICC ikurikirana Umunyafurika wijanditse mu bikorwa byica abaturage. Uretse ibihugu byanze kuniganwa ijambo bikemeza ko bidashyigikiye iki cyemezo, hari ibindi bitaratangaza aho bihagaze kuri iyi ngingo, bishoboka ko biziyongera.

**Kenya yakuyemo akarenge, Uganda na Sudani biracyahanyanyaza**

Mu nama ya 26 ya AU, igihugu cya Kenya cyari gishishikajwe n'icyemezo cyo kuva muri ICC ndetse kikabishishikariza n'ibindi bihugu, gusa icyatunguranye ni uko uru rukiko rwakuriyeho ibirego abayobozi bayo mu buryo butavuzweho rumwe, Kenya ntiyongera kugaragaza izo ngufu ahubwo iraruca irarumira.


Kugeza ubu Uganda na Sudani nibyo bisigaye bishishikariza ibindi kuva muri ruriya rukiko, mu gihe Botswana na Senegal nabyo bikangurira ibindi bihugu kuvunira ibiti mu matwi ntibishyigikire ibyo kuva muri ICC.

Nubwo iyi ngingo igenda biguru ntege, mbere hari hagaragajwe ubushake bukomeye hashyirwaho komite igizwe na ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga, ngo ihure n'akanama ka Loni gashinzwe amahoro n'umutekano, baganire ku cyifuzo cy'ibihugu bya Afurika cyo kuva muri ICC, kandi raporo izatangwe mu nama ya 27 yabereye i Kigali.

Ku rundi ruhande, abahanga bavuga ko ibihugu bya Afurika bikwiye gushyigikira ICC kuko ari urwego rw'ingirakamaro mu guteza imbere amahoro n'ubutabera ku Isi, kandi Afurika ikaba ibikeneye kuruta indi migabane.



*Perezida wa Uganda, Yoweri Kaguta Museveni akomeje gushishikariza ibihugu kwiyomora kuri ICC*



*Perezida wa Sudani, Omar al Bashir we arahigwa bukware na ICC*

**JK:** *Ntagihugu nakimwe cyarwanye intambara yo gukura ibihugu by'Afurika muli ICC kurusha u Rwanda. Ahubwo rwali rwizeye ko icyemezo cyo kuvamo kizafatirwa I Kigali maze bakajya bivuga ibigwi ko aribo babohoje Afurika none babonye bibapfubanye babyegetse kuli Bashir na Museveni.*